

“Dawe Mutegetsi w’Ijuru n’isi, ngushimiye ko ibyo wabihishe abanyabwenge ukabihishurira abaciye bugufi. Koko Dawe niko wabyishakiye”. Mt 11, 25



Gushimira Yezu na Bikira Mariya yubire y’imyaka 50 y’amavuko.

Bikira Mariya ati: *“Bana banjye ndabakunda, mbafiteho umugambi, wo kubaka, gukora ibikorwa byiza, guherekezanya, no kuganira. [...] Nimuhumure turagendana.”*

Munyarwanda, Munyarwandakazi, waba wemera cyangwa utemera, urahirwa kuko wakunzwe n’abijuru, baje kugusura utabatumyeho, baza bavuga mu rurimi rwawe, ngo urusheho gusobanukirwa n’ubutumwa bakugezaho bureba isi yose. Ese hari ikindi twatura Imana uretse kuyishimira? Uri mwiza Mama, uri mwiza Yezu, uragahora usingizwa iteka n’abo wiremeye.

Mu kwandika iyi nyandiko, numvishe ubwanjye umutimanama umbwira ngo; gira icyo wandika ku ruzinduko Abijuru bakora bagenderera abatuye isi. Ubuhamya ntanga, mbere na mbere ni ugushimira byimazeyo, urukundo ruhebuje ababyeyi bo mu ijuru badukunze kugeza ubu. Birandenga igihe cyose mbizirikanye kuko bahisemo kugendana natwe, mbese kubana natwe igihe cyose, bitari mu Ukarisitiya gusa ahubwo noneho imbona nkubone. Nta narimwe bigeze badutererana pe. Shimwa Yezu na Mariya mwebwe mwaje kwiyinga natwe abanyabyaha kugira ngo dukire.

Ngarutse gato kuri Papa na Mama bo mu ijuru, hari amagambo menshi najyaga numva i Kibeho sinsobanukirwe cyane cyane aho batubwiraga ngo *“sinzabasiga muri imfubyi, uyu niwe nagize bucura”*, n’ibindi...



Ntabatindiye, amazina yanjye ni Mama Teresita w’Umwana Yezu, ndi Umunyarwandakazi, nkaba mba mu muryango w’Abihayimana bashengerera iteka Yezu uri mu Isakramentu ritagatifu, aho maze imyaka 25 mu gihugu cya Espagne. Nagize amahirwe yo kumenya Kibeho ndi muto cyane kuko buri wese Imana iba imufiteho umugambi kandi ukazuzuzwa. Sinavuga ko amabonekerwa yose nayajyagamo, ariko ayo nagiyemo cyane nayo Bikira Mariya yabonekeraga Valentine i Kibeho.

Ndibuka rimwe ubwo twigeze kujyayo noneho isaha igeze ya Valentine, twari kumwe twamushyize hagati yacu turimo tumuganiriza ngo turebe uko aza kurira kuri podium. Mu by'ukuri isaha yarageze ntawamenye uko byagenze twabaye nk'abahumbya, twumva araririmba kuri podium twibaza igihe yahagereye tubura icyo tuvuga.

Mu buzima bwanjye bw'isengesho rihoraho, nakunze no gukurikirana amabonekerwa abera hirya no hino ku isi, ku bw'umwihariko kandi nkunda Yezu na Bikira Mariya babonekeye i Kibeho ku mugaragaro, na n'ubu buri mwaka Umubyeyi Bikira Mariya, buri tariki ya 15 mu kwezi kwa gatanu, aratugenderera, akatwibutsa byinshi tuba twaribagiwe. Nkunda cyane Yezu na Bikira Mariya, kandi mu gusoma ibitabo bijyanye n'amabonekerwa ku isi biranshimisha cyane kandi bikamfasha mu gukurikira uyu muhamagararo wo gushengerera umunsi n'ijoro Yezu mu Isakramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya. Nibanze cyane cyane ku mabonekerwa y'i Fatima, i Lourdes ndetse n'iwacu i Kibeho. Nkunda kandi ubuzima bw'abatagatifu, nka Mariya Madalena ariwe washinze umuryango wacu, Padiri Pio, Tereza w'Umwana Yezu, Faustina, abana b'i Fatima, n'abandi.

1. ISOKO Y'AMAVUTA MU KIGANZA

Hari byinshi njye ubwanjye niboneye n'amaso yanjye, aha navuga nk'amavuta bamwe bagiraho impaka z'urudaca, ajya aza mu kiganza cya Valentine, iyo ababaye. Ubwanjye rwose muri 91 turi kumwe yaje mu kiganza mbyibonera, ndetse mu kuyadusiga akongera akisuka nkaho avuye mu isoko idakama, nashatse byibuze mouchoir ngo nyahanagure njyane urwibutso rw'Abijuru ndayibura, nareba ukuntu ari kumeneka kandi twayasizwe twese, nkumva birandenze.

2. IGISIBO CY'IMINSI CUMI N'IBIRI (12)

Nagize amahirwe yo kumubona n'amaso yanjye, aho abandi bajyaga ku meza, abareba yicaye mu ntebe atagishoboye no gutera agatambwe, mbese nk'umuntu wajejewe na malariya, iminwa yarabaye ibisebe, ighe cy'ibonekerwa ry'italiki ya 20 Werurrwe mbonye uko bamutura hasi kubera ibyaha byacu, mpita mbwira Yezu ko ntazongera gucumura bibaho, murabyumva ariko ngo intungane bwira icumuye karindwi.

Bikira Mariya yigeze kutubwira i Kibeho ati: ***“Ndabihereje n'umutima wanjye wose, Nimufungure imitima yanyu, Nimungirire inyota n'inzara, rwose ndabibahaye, mbaramburiyeho ibiganza byanjye”.***

Nigeze kubaza Valantine, uko yumva ameze mu mutima, arambwira ngo yumva ikibatsi cy'urukundo rwa Yezu kigurumana muri we. Aha binyibutsa uko Yezu

yabwiye Fawustina ngo *“ndi mu mutima wawe nk’uko ndi mu nkongoro igihe umusaseridoti atura igitambo”*.

Yezu na Fawustina bari umwe, kuko yamubonekeraga igihe cyose ashatse kumutuma, hari igihe yamubwiye ngo nje kuruhukira mu mutima wawe. Iyo rero urebye amabonekerwa y’ahandi rwose usanga iwacu twarakunzwe bihebuje. Ikibyerekana nta yindi ndamutso, uretse: **“BANA BANJYE NDABAKUNDA, BANA BANJYE NDABAKUNDA, BANA BANJYE NDABAKUNDA”**.

I Kibeho Yezu yigeze kuduha imvura igwa igatuza, ikongera kugwa igatuza, aratubwira ngo ivuye mu rubavu rwe, ahatembye amaraso n’amazi, ati: **“n’ukugira ngo mbagaragarize urukundo mbakunda”**.

3. ABO NABWIYE KO BAZABA ABASENYERI

Mu mabonekerwa ya Yezu na Bikira Mariya hari ijambo bakunze kutwibutsa bagira bati: *“Hari abo nabwiye ko bazaba abasenyeri”*. Iyo numvishe iri jambo nibuka ubutumwa nahawe bumbwira ko ngomba kwiha Imana, nkakomeza kubwirengagiza kugeza ubwo Bikira Mariya na Yezu bamperekeje kugera hano. Muri iy’imyaka mirongo itanu y’amavuko, ntacyo twatanze ngo dukunde turame. Imana niyo igena uko ibishaka.

Mu kumva umuhamagaro wo kwiyegegurira Imana byatangiye mu gihe cy’amabonekerwa ubwo rwose nabonaga ko ngomba kureka ishuri nkinjira mubihaye Imana badasohoka birirwa basenga gusa. Gusa rero aho nasabaga kwinjira bambwiraga ko ngomba kurangiza amashuri yisumbuye. Mbonye byanze nibwo igitekerezo nabaye nk’ugishyize ku ruhande, n’ubwo ku mutima bitanyoroherega. Nibwo natangiye rero kwiga bisanzwe nk’abandi bese. Mbese mbaho nk’abari b’icyo gihe twari mu rugero rumwe. Mu gihe twiteguraga kurangiza ibizamini bya Leta nibwo nasize abandi banyeshuri batazi iyo ngiye ubwo nigira i Kibeho, hari mu kwa gatanu ku itariki ya 15, nsaba Umubyeyi rwose ngo anyereke inzira ngomba gucamo kuko ibyo kwiha Imana nabonaga birikure cyane.

Iyo warangizaga amashuri yisumbuye bakubazaga ngo ninde uzaza muri Diplome yawe, mbese warangizaga ufite uwo utekereza wagomba kwereka famille kuri uwo muni.

Navuye i Kibeho Umubyeyi nta gisubizo ampaye, kandi buri muni niko guhitamo byamberaga insobe. Naraje nkora ibizami nk’abandi bese ndetse ndarwara cyane biba ngombwa ko bantahana mu rugo muri week-end, nuko ku wa mbere ndihangana ngaruka mu bizamini, bamfashe ngo ntitura hasi, ngize amahirwe byose ndabirangiza mpita ntaha kwivuza babura indwara. Maze kumenya ko ndi mubabonye Diplome, nagiye mu gashyamba kari ku ishuri ndicara ndasenga ndira cyane mbwira Bikira Mariya, ko rwose andwanaho akambwira icyo ngomba guhitamo kuko njye byanyobeye guhitamo. Dore ko nabonaga ko kubaka urugo rwa gikirisitu nabyo ari byiza rwose.

Mu gitondo gikurikira, nibwo narose Bikira Mariya abonekera Valentina ku ishuri; ninjye wari uhari nnyenyine noneho numva Vala asubira mubyo abwiwe ngo: Mwana wanjye ubuzima bwawe ni ubwo kwiha Imana, uriya mukundana mureke kuko afite inzira ze. Ubwo nahise mbwira Bikira Mariya ngo mbabaye cyane, none se azasigarana na nde? Nzamusiga wenyine? Aransubiza ngo mwihorere, afite inzira ze.

Igitangaje n'uko umunyeshuri twiganaga nawe yaje ambwira ko yarose njya kwiha Imana ngo Bikira Mariya, yamubwiye ko ngomba kureka uwo natekerezaga ko nawe afite izindi shingano. icyantangaje ni uko uwo munyeshuri atari azi gahunda yanjye, kandi ntiyakundaga n'ibintu byo gusenga. Byabereye rimwe nizo nzozi narose, ndi mu ibonekerwa Vala avuga ari muri "extase" avuga ngo wowe uzajya kwiha Imana, abandi nabo bihorere; wibabazwa ko umusize wenyine kuko si inzira yawe.

Nyuma nageze mu buzima bwo hanze nibagirwa bwa butumwa bw'Umubyeyi nikomereza ubuzima busanzwe, niboneye ikiraka noneho kurekura ifaranga biranga nsigara numva ko umuntu yakorera Imana ahantu hose. Cyakora mu mutima ntibyigeze bimbaho kuko icyo najyaga gufata indi "décision" y'ubuzima naburaga amahoro. Sinibukaga ko nabirose, uretse imbaraga z'Imana n'ugushaka kwayo; nah'ubundi byari byananiye pe, njya aho abandi bagiye.

Byaratinze nkijarajara mu mafaranga, bigera aho abo twagombaga kujyana mu bihayimana bambwira bati turagusize, tugiye gushaka ibyangombwa ubwo wowe uzaza nyuma. Nibwo nandikiye ababikira ko nshaka gukomeza gukorera amafaranga ko nzaza nyuma. Imbaraga z'Imana nizo zanshyiguye; nuko nsezera ku kazi, mbabwira ko ngiye kwiga kuko ibyo kwiha Imana numvaga ntawe nabibwira.

4. INTAMBARA

Bikira Mariya yashatse kunyuzwa mu byabereye iwacu kugira ngo ndusheho gusobanukirwa n'umuhamagaro wanjye. Mu gihe maze gusezera nibwo intambara yahise itera, byose biba birahagaze, abo twari kumwe turatana. Amahirwe ni uko ibyangombwa byari byageze muri ambassade. Mu gihe umuntu yirirwaga yiruka atazi niyo ajya, Bikira Mariya mu nzozo arambwira ati: "*humura turagenda*". Koko rero ni muri icyo gihe nahuye mu ishyamba n'abantu bafite intwari bati wowe turagukoresha icyo dushaka. Nibwo banyatse agakapu nari mfite, bagafunguye basanga ni Bibiliya n'ishusho ya Bikira Mariya birimo, maze baraseka cyaneeee, bati: "*abandi bahungana ibintu bifite agaciro naho wowe urabungana amabumba?*" Nibwo nihagazeho mbabwira ko ari ishusho ya Bikira Mariya. Noneho umwe ati ngaho twigishe ijambo ry'Imana. Nibwo ndambuye muri Bibiriya ngwa Kuri "Magnificat" (Lk1, 46-55). Nabo rero bati none bishaka kuvuga iki? Nibwo natangiye kubasobanurira noneho umwe muri bo abwira abandi ati reka tumuherekeze bwije tumugeze byibuze aho agomba gucumbika.

Bafashe ya Bibiliya na ya shusho, baramperekeza bagenda bantwaje na cya gikapu, bageza ahantu hatuwe barigendera. Abambonye bose barikanga bati iri joro urajyahe? Twari tuzi ko nawe bakwishe. Bikira Mariya na Yezu badufiteho umugambi.

Umutekano umaze kugaruka mu gihugu, nibwo natekereje mbona ko kwiha Imana bitagishobotse kuko nta buryo bwo kumenya amakuru y'abandi bavandimwe twari kumwe twitegura kujya kwiha Imana dore ko twari batandatu. Ikindi kandi narebaga hirya no hino nkabura ikigo na kimwe nakongera gusaba kwinjiramo dore ko benshi bari barahunze, abasigaye nabo batemera kwakira abandi. Mbese ibintu bitarasobanuka neza. Ubwo nareba n'ubuzima bwo hanze nyuma y'intambara nkabona butoroshye, cyane cyane ku rubyiruko rw'abakobwa.

Nibwo nongeye gutekereza na none kubaka urugo, kuko ntayandi mahitamo. Birumvikana ko ubuze uko agira, akora uko abonye. Ikindi kandi uwo nari naratekereje kubana nawe, nubwo ntarinzi aho aherereye nyuma y'intambara, nari nararangije kumusezerera mubwira ko ngiye kwiha Imana. Maze kubura byose nibwo bandangiye indi nshuti, n'uko najye ndikiriza ngo mve mu nzira ejo ntazabyarira mu rugo. Mu gufata icyemezo cy'igihe bagomba kuza kubibwira mu rugo, nabuze amahoro nibaza uko nzabana n'umuntu ntigeze ntekerezaho mu buzima biranshobera; ariko ndabyakira kuko ntayandi mahitamo. Habura iminsi itatu ngo abo bashyitsi bagere mu rugo, nanjye nari nabiteguye ariko muri njye nta mahoro, nibwo Yezu na Mariya bongeye kuza bakoresheje umwana rwose ntazi nari mbonye bwa mbere, nuko ampa akabaruwa ati mu gitondo ndagaruka kandi nsange witeguye. Ibaruwa sinayisomye numvaga ari abandi basore bashaka kutesha umutwe. Nahise nyica ndayijugunya. Mu gitondo koko wa mwana yaragarutse ati ngwino unkurikire kandi ntugire icyo witwaza. Mubajije arambwira ngo ese ntushaka kujya kwiha Imana? Abo mwari kumwe mbere y'intambara baragutegereje. Yavuze iryo jambo mera nk'umusazi pe. Yanze kunsobanurira aho bari ati: wowe nkurikira gusa. Nzakugeza aho abo mugomba kujyana kwiha Imana bari. Narahagurutse ntacyo nitwaje uretse ishapure na Bibiliya. Nageze mu nzira ndaraha kuko ntari nzi iyo anjyana, inzara iranyica, impamba nari nitwaje nayo nsanga yagaze, ibirenge bimaze kubyimba mbwira Bikira Mariya nti: Niba kugukurikira ari uko bimeze wapi birananiye, nicaye hasi, ubwo nongeye kubona akabaraga ndahaguruka ndagenda. Hagati aho na none naje kubura uwo mwana twagendanaga, nibwo nagiye kubona mbona abantu bangezeho n'imbunda ku mutwe, mu gihe bagiye kunkubita bakimara kundyamisha hasi, Bikira Mariya aba arahageze ntibagira icyo bantwara. Ndahaguruka nikomereza urugendo kugera ubwo nongeye kubona wa mwana wanyoboraga nuko aba angejeje kubavandimwe twari dufatanyije urugendo rwo kwiha Imana. Twari twaraburanye hafi amezi umunani yose. Nibwo twongeye bundi bushya kwandikira ababikira. Ino aha bati nimuze rwose. Byadutwaye amezi arindwi ariko tugera hano nta numwe ubuzemo. Igitangaje nuko nagiye

gusezera kuri Valentine, ati: *“ntiwibagirwe ko nakubwiye ko uziha Imana”*. Nibaza aho yabikuye dore ko ntari nkibuka iby’inzozi. Nkigera hano iyo nacikaga intege, yahitaga anyibutsa ubutumwa, mbese amba hafi cyane cyane mu isengesho, akababara mu kigwi cyanjye, n’ibindi byinshi. Imana isingizwe mu ijuru, no munsu abayikunda bahorane amahoro.

5. KIBEHO IMENYEKANA HANO BARCELONE

Ubwo nageraga hano Barcelone muri 1995, kenshi numvaga bavuga Lourdes n’i Fatima nkumva birambabaje kuko batari bazi Kibeho. Nibwo dutangiye kujya tuvuga Kibeho mubo tubana hano, buri tariki ya 14 z’ukwa munani baduha agahushya tugakora igitaramo kugeza saa sita nigice z’ijoro, tuvuga rosari noneho, tukanabyina pe hamwe n’Umubyeyi wacu wo mu ijuru. Byageze aho noneho n’ababikira bandi bakadufasha nubwo ari ururimi batumvaga. Ntibyatinze baduha misa mu kinyarwanda, yarangira tukabona kuvuga rosari, bityo tukitegura ijyanywa mu Ijuru rya Bikira Mariya. Twahisemo iriya tariki kuko n’itariki twararaga i Kibeho twitegura ibonekerwa ryo kuri 15. Ngarutse gato kuri iki gitaramo dukora, n’uko tutemerera abantu bandi bo hanze. Tugikorera muri kiriziya yacu tukisanzura bihagije, twarangiza gushengerera bigakomeza kugeza mu gitondo.

Igihe cyarageze abatuye muri iyi ntara ya Barcelona batangira kumenya Kibeho biturutse ku mupadiri wari uje kuduha umwiherero muri 2003 wakundaga amabonekerwa yo ku isi cyane cyane Medjugorje, ku buryo inyigisho zose yatangaga ubutumwa bw’aho Bikira Mariya yabonekeye. Habura iminsi ibiri ngo umwiherero urangire nibwo kwihangana byananiye nuko mubwira ko n’iwacu Yezu na Bikira Mariya badusuye, mubwira ko ndetse Yezu na Bikira Mariya bakibonekera Valentine i Bruxelles. Inyigisho zakurikiyeho yahise noneho ashiramo ubutumwa bwa Kibeho. Yansabye kwandika ibyo nibukaga ubwo bizihizaga isabukuru y’imyaka 25 y’amabonekerwa mu Rwanda.

Ntibyatinze, ababishoboye bajya i Kibeho muri Yubire y’imyaka 25. Nyuma, hano haza gushyirwaho umuryango w’inshuti za Bikira Mariya w’i Kibeho Barcelona. Bigeraho rwose barakomera, Padiri akabaherekeza i Bruxelles n’ahandi hose mu ngendo nyobokamana hirya no hino.

6. AMAZI Y’UMUGISHA

Amazi y’umugisha ni kimwe mu bimenyetso bikoreshwa mu mabonekerwa kuva yatangira kugeza ubu. Igihe cyose cy’amabonekerwa n’ubwo ntayajyamo, ariko iyo numvishe ko hari umuntu uje inaha ndamubwira akanzanira amazi y’umugisha.

Hari umukecuru nigeze gutura hasi mutwaye mu igare, yahise avunika igufwa, mujyanye kwa muganga bati afite imyaka ingahe, mbambwira ko ari 94, noneho nkabona abaganga batamuha agaciro gakwiye. Nibwo natangiye kugira ubwoba,

Nibaza nti naramuka apfuye, ko bazahita banshyira muri gereza. Nibwo nibutse Yezu na Bikira Mariya aho batubwira ngo” nubona ugeze kure ujye *uduhamagara*”. Isengesho ryanjye ryabaye iri: Bikira Mariya undinde gukorwa n’isoni muri ibi bitaro. Abaganga baragarutse bamaze kumunyuzza mu cyuma, bamushyiraho sima, tumara icyumweru mu bitaro, buri muni nkajya nsuka agatonyanga k’amazi y’umugisha kuri ka kaguru; nuko turataha nyuma dusubiye kwa muganga ngo bakureho cya gisima basanga nta kibazo yarakize neza. Imyitozo yagombaga gukora yayikoreye hano mu rugo. Ubu afite imyaka 97 kandi ameze neza niwe kavukire w’inaha dusigaranye. Imana ihabwe ikuzo.

7. YEZU NA MARIYA BADUSURA HANO IWACU

Nahoraga nsaba Umubyeyi ngo natwe azadusure, nubwo numvaga bidashoboka kubera ubuzima turimo, yagize atya nyuma y’imyaka irenga icumi mbimusaba, Umubyeyi rwose aza hano mu rugo. Hari ku itariki ya 8 /2/2019, ku mugaragaro, ku buryo ntawari kuvuga ngo ntiyadusuye.

Byaradutunguye tubona mameya aratubwiye ngo ejo mufite umwiherero, ku babishaka. Mu gitondo dusanga gahunda yageze ku muryango. Mu byukuri nabaye nk’umusazi, aho nicaye nkumva ndigutitira kubera urukundo abo mu Ijuru badukunda. Byari byiza cyane noneho isaha yo gutura indabo iba igahebuzo, gusigwa amavuta byo birandenga, bageze ku butumwa twagenewe mbura aho nkwirwa. Imyaka irenga icumi mbisaba.

Mu butumwa twahawe yatwibukije ko **tugomba gusabira Kiliziya ubumwe buzira uburyarya, cyane cyane abakuru bayo. Gusabira Abihayimana b’ingeri zose cyane cyane abapadiri n’ababikira. Gusabira abataye, abagize intege nkeya n’ubushishozi buke bakagwa, gusabira abakristu basengana uburyarya bagacira abandi imanza, ababona ku bandi ikibi gusa. Yadusabye kureka munyangire mu mitima yacu, agira ati: *“uzakubwira kwanga mugenzi wawe amucira urubanza, wowe uzamubwire uti tumusengere”*. Yakomeje adusaba gusabira abo twita abanzi bacu, kubabarira no gusaba imbabazi. Yarangije atubwira ati: *“Nohereje igikoresho cyanjye ngo musengane, mumutume, kuko mwagize amahirwe yo kumugira hafi yanyu, Muhaye uruhushya rwo kubasiga ku mavuta namuhaye akiza ku babyemera n’ababishaka”*.**

Twarangije tuvuga Ndakuramutsa Mariya, Dawe uri mu ijuru na Nihubahwe Imana Data nuko duhabwa umugisha wa kibyeyi. Nyuma haje gutambagizwa indabo maze natwe bitugeraho ku buryo ntabitekerezaga. Namwe mwibaze gucisha ururabo muri za “grillage”. Mbese byari ibyishimo gusa. Imana ishimwe cyane.

Ibi byose byatumye ngenda ndushaho no gusobanukirwa amabonekerwa agikomeza, ndashaka kuvuga aya Yezu na Bikira Mariya babonekera Valentina. Kuba Kiliziya itayemera, nta mvura idahita igihe kizagera Yezu na Bikira Mariya

abe aribo biyerekanira ukuri. Njye ubutumwa ndabwemera kandi ntibimbuza kubusoma no kubuzirikana mu buzima bwanjye bwa buri munsu. icyo nemeza n'uko igihe kizagera byose bikajya mu kuri. Ukuri ntigushobora gufukiranwa, kandi byaratangiye. Ukuri koko n'ukuri, njye hari abo tunganira ukumva nabo batazi impamvu bahakana ibyo batanabonye.

8. UMUSOZO

Sinasoza ntashimiye mwe mwese dukomeje gufatanya urugendo ngo twubake urukiramende Yezu na Bikira Mariya badusaba. Ndashimira byimazeyo abagize umuryango w'Inshuti za Bikira Mariya w'i Kibeho bakomeje kuhatubera twese. Ntimugacike intege.

Hari ubwo nganira n'umuntu twagera i Kibeho ugasanga rwose atazi amateka, akurikira gusa ibyo yumvanye abandi. Hari abo usobanurira bakabyumva, kuko burya kuba umuntu yaragize amahirwe yo kugera i Kibeho ku gicumbi mu gihe cy'amabonekerwa biramworohera gusobanukirwa n'amabonekerwa agikomeza kubera ko icyazanye Yezu na Mariya kitaragerwaho.

9. ISENGESHO

Yezu rukundo rwanjye, ni wowe wenyine uha umutima wanjye gutuza. Iyo nigunze uransusurutsa, ukantuzza muri Paradizo yawe, ijoro ryanjye ukarihindura amanywa, icuraburindi ryari rimbundikiriye, ukarihinduramo amahoro yuje umutuzo.

Babyeyi bacu bo mu ijuru Yezu na Mariya, mwe mwakunze isi, ariko noneho mwagera ku gahugu kacye bikaba agahabuzo, mukemera kuhatangira ubutumwa bw'urukundo bureba isi yose, ku mugaragaro, mu rurimi rwacu, mu muco wacu, nibyo koko, mwihishe abanyabwenge mwihishurira ab'intamenyekana.

Uri mwiza Yezu, uri mwiza Mama Mariya, muragahora musingizwa n'ibiremwa byose. Mukomeze mubane natwe twebwe abanyabyaha kugira ngo icyabazanye kigerweho.

10. INDIRIMBO: Nazindutse kare cyane.

1. Nazindutse kare cyane, Nazindutse kare cyane ngana Afurika.
Nahasanze abatoni banjye.
Narabahamagaye ndabatuma, barantumikira, barantumikira.
Nahasanze abatoni, narabahamagaye mbatunguye, baranyumvise;
Mfura zanjye, bana banjye, ndabakunda.
2. Mutege amatwi mbabwire uko nitwa by'ukuri,
Ndi Nyina w'Umucunguzi n'Umukiza wanyu, Yezu Kristu, Umwana wanjye.

Igihe nazindukaga mbasanga sinamusize, yari hafi yanjye: iburyo n'ibumoso,
Imbere yanjye, n'inyuma yanjye. N'ubu nguyu hano, muri kumwe.

3. Bana banjye, ndabakunda, nkabakumbura, n'ikimenyimenyi ndabasura, nkabatumaho.

Mutege amatwi, kandi munyumvishe ukuri: ninde wundi mwabonye, waje abasanga,

Abatetesha abinginga, abasaba imbabazi, ngo mumusabe abahe; Ndafite bana banjye; mfite byinshi byo kubaha; Mbahaye igikoresho cyanjye, kuko niwe mbatumaho. Ndamubaragije, muramenye sinzabagaye.

Ndababwira, nkababwira nkomeje. Igihe kirageze ngo musubize amaso inyuma murebe ukuri, mumenye ubwenge kandi mukure. Ndababwiye, ndababwiye, kandi ndabasabye, ndabaragije, bana banjye.

4. Ni igihango gikomeye kuragizwa: kuko ni inyiturano ikomeye. Jyewe ku bwanjye, bana banjye, mbasabye urukundo gusa.

5. Reka mbabwire ikiruta byose, ikiruta byose, n'ikiruta ikindi: Ni ukubana n'ubakunda, n'ubakumbura. Nzahora mbatetesha, nzahora mbasanga abari hano, abana banjye. Ubu ndagiye gusura ku ivuko, bana banjye, turi kumwe. Naho barantetesha. Genda Kibeho, uri igicumbi cy'Umutima wacu.

Abana nabyaye simwe gusa, si bariya, ntabwo aribo gusa: ni benshi. Ntanga uko nshaka, ntanga uko mbizi n'uko mfite. Ndabahaye inema z'urufaya, bana banjye.

6. 6. Imana yacu, Imana yanyu...

Ndi Umubyeyi wo mu Ijuru waje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose ngo bahinduke. Ndi ikiraro mutambukiraho mugana Ijuru, mwitegure. Mbaragije Iyabaremye, mbahaye umutima wa kibyeyi, sinzabatererana. Ni muhumure. Ni Iyabahanze.

Igisingizo cyawe Mubyeyi, Mama Teresita w'Umwana Yezu.

Ku wa 27 Ukwakira 2020.